**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

# IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU MUHANGO W'ISOZA RY'ICYICIRO CYA GATATU CY'AMASOMO Y'IBANZE Y'ABACUNGAGEREZA (14/06/2019)

- **Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Uburasirazuba**
- **Komiseri Jenerali w'Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Imfungwa n'abagororwa**
- **Bayobozi b'inzego zinyuranye muri hano**
- **Ba Ofisiye Bakuru b'Ingabo, Polisi na RCS muri hano**
- **Abakozi b'izindi nzego, buri umwe uri hano mu cyubahiro cye**
- **Bacungagereza musoje amahugurwa,**

Mbanje kubasuhuza kandi mbashimira ko twaje gushyigikira uyu muhango.

Ba nyacyubahiro muteraniye hano; uyu muhango wo ku nshuro ya gatatu usoza amahugurwa y'abacungagereza bato urerekana ubushake bwa Guverinoma y'u Rwanda ndetse n'Ubuyobozi Bukuru bw'Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Imfungwa n'Abagororwa bwo kubaka Igicungagereza cy'umwuga.

Inshingano nkuru akaba ari ukugeza k' Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Imfungwa n'Abagororwa ubushobozi bwo kugira abacungagereza b'umwuga, buzuza neza inshingano zabo zijyanye n' imicungire y'imfungwa n'abagororwa no kubagorora kugira ngo bahinduke basubire ku murongo w' igihugu kigendera kandi cyubahiriza amategeko;

Ibi kandi birashimangira igitekerezo ko nta bunyamwuga bwagerwaho bitanyuze mu nyigisho nk'izi bahabwa.

Urwego rw'igihugu rushinzwe Imfungwa n'Abagororwa rufite mu nshingano zarwo gushyira mu bikorwa politiki rusange y'imicungire y'Imfungwa n'Abagororwa hakurikijwe amategeko mu kubahiriza uburenganzira bw'umuntu ufunze.

Mu gushyira mu bikorwa igihano cy'igifungo kigenerwa abahamwe n'icyaha, hiyongeraho kubagorora bashakirwa uburyo bakongera ubumenyi no guhindura imyumvire n'imyitwarire.

Kugorora imfungwa cg umugororwa agategurwa kuzasubira mu buzima busanzwe hagamijwe kumufasha kuzagira icyo yimarira igihe arangije igifungo ntasubire kwishora mu byaha, bisaba kugira abacungagereza b'umwuga. Ni ngombwa rero kongera ubumenyi n'ubushobozi bw'abakozi ba RCS.

Turashima ikigero Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Imfungwa n'Abagororwa rumaze kugeraho mu kunoza inshingano zarwo. Umusaruro uva mu bikorwa byo kugorora uragaragarira buri wese. Inyigisho zigamije k' uburenganzira ku burezi, zihabwa abana bafungiye muri gereza ya Nyagatare zibongerera ubwenge n'ubumenyi aho batsinda neza ibizamini by'amasomo y'icyiciro cy'amashuri abanza ndetse n'ay'icyiciro rusange. Abafungiye ibyaha binyuranye bamwe muri bo bamaze kugororoka batanga ubuhamya bukangurira abantu ububi by'icyaha no kutakishoramo. Abagororwa baherewe ubumenyi ngiro muri gereza, ubu bakora ibizami bagahabwa impamyabumenyi iri ku rwego rumwe n'ihabwa abandi baturarwanda bari hanze ya gereza, bikaba biri muri gahunda yo kutahezwa no kuzihangira imirimo mu gihe barangije ibihano byabo.

Abacungagereza bashya murasabwa umusanzu wanyu wo kongera ingufu muri ibyo bikorwa byo kugorora bihesha ishema igihugu cyacu.

Muri gahunda zitandukanye dufitiye RCS, harimo kuzamura ubumenyi bw'abacungagereza tubashakira amahugurwa atandukanye mu gihugu imbere ndetse no mu mahanga, kubafasha kubona ibikoresho bigezweho bikenewe mu kazi kabo ka buri munsi. Kongerera RCS training School ubushobozi bwo kwigisha umubare mu nini w'abacungagereza.

Bacungagereza musoje amahugurwa uyu munsi, ndabashimira ubwitange n'umurava byabaranze mu gihe cyose aya mahugurwa amaze. Ubumenyi bw'ibanze mwahawe bujyanye n'imicungire y'imfungwa n'abagororwa, kubagorora no gucunga umutekano mukwiye kuzabukoresha mu mirimo yanyu ya buri munsi; aho muzakorana n'abandi

bacungagereza babanjirije mu kazi, mwirinda icyo ari cyo cyose cyakwangiza isura ya RCS. Ndabasaba kandi kuzaba inyangamugayo murangwa no kubahiriza amategeko, ishyaka n'imyitwarire myiza mu kazi kanyu ka buri munsi.

Nashimye ko mu bacungagereza barangije harimo abasore n'inkumi. Umubare w'abakobwa binjira mu murimo w'igicungagereza ariko nabonye ukiri hasi kuko mu bacungagereza barangije magana abiri na makumyabiri n'abatanu (225) abakobwa bangana na 12%. Turashishikariza abakobwa kuza mu mwuga w'ubucungagereza.

Bayobozi mu nzego zitandukanye turi hano uyu munsi, aba bacungagereza barangije aya mahugurwa bagiye gushyira ubumenyi bakuye kw'ishuri mu ngiro, bazakenera ubufatanye butandukanye bw'inzego za Leta tubereye abayobozi; niyo mpamvu kwifatanya nabo gusoza aya mahugurwa bitugaragariza twese ubufatanye buhoraho mu kugorora no kubafasha kwitwara neza mu muryango nyarwanda.

Mbere y'uko nsoza iri jambo, ndashimira ubuyobozi bwa RCS uburyo bwita ku nshingano zabo za buri munsi.

Ndashimira kandi ubuyobozi bw'ishuri, abarimu, namwe mwese mwitabiriye uyu muhango w'isoza ry'iki cyiciro cya gatatu cy'amahugurwa y'ibanze y'abacungagereza. Abacungagereza mwasoje amasomo yanyu mbifurije akazi keza.

Mugire umusi mwiza.